miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Iyo ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingobyangirije uwabikorewe mu buryo bukabije, umucamanza ashobora kongera igihano cy'igifungo kikaba kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Ibihano bivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, ni byo bihabwa uwinjije umugera muri mudasobwa y'undi cyangwa ibindi byuma bishobora gukora nka yo abigambiriye, iyo uwo mugera hari ibyo wangije.

**<u>Ingingo ya 309</u>: Gukoresha ibintu biri muri za mudasobwa bitanga imitungo**

Umuntu wese ufite uburenganzira bwo gukoresha ibintu, byabitswe cyangwa byoherejwe muri mudasobwa cyangwa ibindi bishobora gukora nkayo, akabikoresha abigambiriye mu buryo butari bwo, butuzuye cyangwa akitabaza uburyo bumeze nka bwo, akiha umutungo, akawuhisha cyangwa akawuha undi muntu utawufitiye uburenganzira, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

If acts mentioned in Paragraph One of this Article result in considerable damage to the victim, the judge may increase the term of imprisonment which shall be five (5) years to seven (7) years.

Penalties under paragraph 2 of this Article apply to any person, who introduces intentionally a virus into another person's computer or similar devices if such virus causes damage.

**<u>Article 309</u>: Using electronic data for granting property**

Any person, with authorization to use data recorded or transmitted through computerised devices, or by any other similar systems, intentionally uses them in incorrect, incomplete or resorts to a comparable procedure and gets or hides the property or passes it on to any unauthorized person, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of three million (3,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

(5.000.000) de francs rwandais.

Si les actes visés à l'alinéa premier du présent article ont causé un dommage considérable à la victime, le juge peut élever la peine d'emprisonnement qui devient cinq (5) ans à sept (7) ans.

Les peines prévues à l'alinéa 2 du présent article s'appliquent à toute personne qui introduit intentionnellement un virus dans un ordinateur ou un appareil assimilé appartenant à autrui si ce virus cause des dommages.

**<u>Article 309</u>: Utilisation de données électroniques qui procurent des actifs**

Toute personne qui, avec autorisation d'utiliser les données enregistrées ou transmises électroniquement ou selon un mode similaire, utilise des données de manière incorrecte, incomplète, ou recourt à un procédé analogue et obtient intentionnellement un transfert d'actif, dissimile ou provoque ce transfert au profit d'une autre personne qui n'en a pas le droit est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de trois millions (3.000.000) à cinq millions

Umuntu wese udafite uburenganzira bwo gukoresha ibintu, byabitswe cyangwa byoherejwe muri mudasobwa cyangwa ibindi bishobora gukora nkazo, akabikoresha abigambiriye mu buryo butari bwo cyangwa butuzuye akiha umutungo, akawuhisha cyangwa akawuha undi muntu utawufitiye uburenganzira, ahanishwa ibihano byavuzwe mu gikacya mbere cy'iyi ngingo.

**<u>Ingingo ya 310</u>: Gukoresha mu buriganya uburyo bukoreshwa mu kwishyura**

Umuntu wese ukoresha ikarita imuhesha amafaranga cyangwa uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kwishyura bumeze nkabwo, adafite ubwishyu cyangwa se akanga gusubiza ibyo yabonye atabikwiye, bityo akabangamira inyungu z'ikigo cyayimuhaye kandi bigaragara ko cyari cyarafashe ingamba kugira ngo ikarita idakoreshwa mu buryo butari bwo, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Mu gihe cy'isubiracyaha, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe

Any person, without a right to utilize any data recorded or transmitted through computerised devices, or any other similar systems, who intentionally uses them in an incorrect or incomplete way and gets or hides the property or pass it to any unauthorized person, shall be liable to the penalties set forth in Paragraph One of this Article.

**<u>Article 310</u>: Fraudulent use of payment system**

Any person who uses a credit card or any other similar means of payment while insolvent, or refuses to reimburse what was unduly obtained, and results in detrimental to the interest of the institution, while the institution had taken security measures to avoid the wrong use of the card, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of two million (2,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

In the case of recidivism, the penalty shall be a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one million (1,000,000) to six million (6,000,000)

(5.000.000) de francs rwandais.

Toute personne qui n'a pas le droit d'utiliser les données enregistrées ou transmises électroniquement ou selon un mode similaire, utilise intentionnellement des données de manière incorrecte ou incomplète et obtient un transfert d'actif, dissimule ou provoque ce transfert au profit d'une autre personne qui n'en a pas le droit, est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

**<u>Article 310</u>: Utilisation frauduleuse des moyens de paiement**

Toute personne qui, quoique insolvable, utilise une carte de crédit ou tout moyen de paiement analogue ou refuse de rendre ce qu'il a obtenu indûment et ainsi porte atteinte aux intérêts de l'institution qui la lui a délivrée, alors que l'institution avait pris les mesures de sécurité pour éviter l'abus de la carte, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

En cas de récidive, la peine est portée à un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende d'un million